**URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU**

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP 00872/2021/TGI/RBV GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA.**

**Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa makumyabiri na rimwe w'ukwezi kwa Gashyantare ;**

**Twebwe MUNYAKAYANGE Jean Marie Vianney,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, dufashijwe na **RUKUNDO Jean de Dieu**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze kubona** urubanza **RP 00872/2021/TGI/RBV**, Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Rubavu bukurikiranyemo **MUGWANEZA Jean Pierre** icyaha cy'ubuhemu hamwe n'icyaha cyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano, ibyaha biteganywa kandi bihanishwa **ingingo ya 176** niya 276 z'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ruzaburanishwa ku wa **23/03/2023**.

**Tumaze kubona ko MUGWANEZA Jean Pierre** mwene **UGIRASHEBUJA** na **MUKABUTARE** wavutse tariki ya 09/08/1990 mu Mudugudu wa Bigega, Akagari ka Karuruma, Umurenge wa Gatsata, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera.

**Dushingiye** ku **ngingo za 160 na 161** z'Itegeko N°027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

**Dutegetse MUGWANEZA Jean Pierre kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa 24/03/2023 saa yine za mu gitondo (10H:00)** ku cyicaro cyarwo kiri mu Murenge wa Gisenyi, kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari.

**Twemeje ko** mu rwego rwo kubimenyekanisha, iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga n'ahagenewe amatangazo ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu.

Bikorewe i Rubavu mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| | |
|---|---|
| **Umucamanza** : | **Umwanditsi :** |
| **MUNYAKAYANGE Jean Marie Vianney** | **RUKUNDO Jean de Dieu** |

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU**

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP 00370/2021/TGI/RBV GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA.**

**Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa makumyabiri na rimwe w'ukwezi kwa Gashyantare ;**

**Twebwe MUNYAKAYANGE Jean Marie Vianney,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, dufashijwe na **RUKUNDO Jean de Dieu**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze kubona** urubanza **RP 00370/2021/TGI/RBV**, Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Rubavu bukurikiranyemo **HABANABAKIZE Emmanuel**, Gukubita no gukomeretsa, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa n' ingingo ya 121 N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 Itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ruzaburanishwa ku wa **23/03/2023**.

**Tumaze kubona ko HABANABAKIZE Emmanuel** mwene **NDAGIWENIMANA Pierre Celestin** na **MUKARUZIGA Speciose** wavutse tariki ya 01/01/1998 mu Mudugudu wa Nyaburora, Akagari ka Kadahenda, Umurenge wa Karago, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Iburengerazuba, utarakatirwa n'inkiko bizwi, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera.

**Dushingiye** ku **ngingo za 160 na 161** z'Itegeko N°027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

**Dutegetse HABANABAKIZE Emmanuel kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa 23/03/2023 saa tatu za mu gitondo (9H:00),** ku cyicaro cyarwo kiri mu Murenge wa Gisenyi, kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari.

**Twemeje ko** mu rwego rwo kubimenyekanisha, iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga n'ahagenewe amatangazo ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu.

**Twemeje ko** iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Umurenge wa Jenda, no ku biro by'Akarere ka Nyabihu.

Bikorewe i Rubavu mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru

**Umucamanza :** **Umwanditsi :**

**MUNYAKAYANGE Jean Marie Vianney** **RUKUNDO Jean de Dieu**